IBIRO BY'UMUHESHA W'INKIKO W'UMWUGA
HUISSIER DE JUSTICE PROFESSIONNEL
PROFFESSIONAL BAILIFFS
Tel: 0788672135
Email: alphemmy15@gmail.com
Kigali-Rwanda.

**ITANGAZO RYO KUMENYESHA IMIKIRIZE Y 'URUBANZANO RCOM 02489/2018/TC RWO KUWA 16/09/2019 (COMMERCE COURT NYAMIRAMBO)**

Nshingiye k'urubanza No **RCOM 02489/2018/TC Rwaciwe kuwa16/09/2019** rwaburanishijwe n'urukiko rw'ubucuruzi i Nyamirambo.
NjyeweMe.MUKARUSANGA Alphonsine umuhesha w'inkiko w'umwuga maze kubona ko uru rubanza rwaburanishijwe NTUKABUMWE Dieudonne adahari,na nyuma yuko twabuze aho asigaye abarizwa, menyesheje NTUKABUMWE Dieudonne nsaba nabantu bose bamuzi ko bamubwira ko urubanza rwavuzwe haruguru rutangajwe mu kinyamakuru cyandika cyitwa www.**ingezi Nyayo.com**, nkuko biteganwa n'itegeko CPCSSA No 22 /2018 ryo kuwa 29/04/2018 aho urukiko rwategetse ko NTUKABUMWE Dieudonne mwene Leoncie na MBUGUJE Sylvestre agomba kwishyura Ets NKUSI Evariste amafranga angana na miliyoni ebyiri n'ibihumbi magana atatu na mirongo icyenda na birindwi magana ane na mirongo ine (2.397.440frw) atayatanga kuneza agakurwa mubye kungufu za leta .

Bikorewe i kigali kuwa 12/10/2020

**Me.MUKARUSANGA Alphonsine**
**Umuhesha w'Inkiko w'umwuga**

NB :K'umugereka murahasanga kopi y'urubanza rwavuzwe haruguru.

3. Indishyi zinyuranye.

[12].Me MUNYURANGABO Dominique uburanira ETs NKUSI Evariste asaba indishyi zigizwe n'igihembo cy'avoka kingana na 500.000 frw, amafaranga y'ikurikiranarubanza angana na 102.000 frw, n'ingwate y'amagarama angana na 20.000 frw, ndetse asaba kwishyurwa n'amafaranga angana na 158.000 frw yakoreshejwe muguhamagaza uregwa mukinyamakuru NW TIMES ;

[13].Rusesenguye indishyi zisabwa n'urega, rusanze NTUKABUMWE Dieudonne agomba kuzitanga kuko ariwe nyirabayazana w'imanza kubera kutubahiriza amasezerano yagiranye n'urega. Bityo NTUKABUMWE Dieudonne akishyura ETs NKUSI Evariste igihembo cy'avoka kingana na **500.000** frw, amafaranga y'ikurikiranarubanza angana na **60.000** frw n'ingwate y'amagarama angana na **20.000** frw, n'amafaranga angana na **158.000** frw yakoreshejwe muguhamagaza uregwa mukinyamakuru NW TIMES, hashingiwe kungingo ya **258** CC LIII iteganya ko "Igikorwa cyose cy'umuntu cyangirije undi gitegeka nyirugukora ikosa rigikomokaho kuriha ibyangiritse" ;

IV. ICYEMEZO CY'URUKIKO.

[14].Rwemeje kwakira no gusuzuma iki kirego kuko cyaje muburyo bukurikije amategeko, rugisuzumye rusanga gifite ishingiro ;

[15].Rutegetse NTUKABUMWE Dieudonne akishyura ETs NKUSI Evariste umwenda ayibereyemo ungana na **1.077.559** frw, akishyura inyungu zawo zingana na **581.881** frw, akishyura igihembo

cy'avoka kingana na **500.000** frw n'amafaranga y'ikurikiranarubanza angana na **60.000** frw, akishyura amafaranga angana na **158.000** frw yakoreshejwe muguhamagaza uregwa mukinyamakuru THE NEW TIMES n'ingwate y'amagarama angana na **20.000** frw, amafaranga yose akayishyura kuneza mugihe giteganywa n'amategeko (ukwezi kumwe ), atayatanga agakurwa mubye kungufu za Leta ;

NUKO RUKIJIJWE KANDI RUSOMEWE MURUHAME NONE KUWA 16/09/2019.

UMUCAMANZA

MUNYAMAHORO Nzayisenga Joseph

UMWANDITSI.

MANIRAGABA Emmanuel

Copie certifiée conforme à la minute
Fait à Kigali, le 18/12/2019
Registrar [illegible] Emmanuel